

Iyo witabira ibikorwa rusange byagutse kandi binogeye imiryango ifite abana bato, ukorera mu matsinda mato agizwe n'abaturanyi bawe.

- Itsinda ryumvikana ku masaha yo gukora anogeye buri wese.
- Abagize itsinda bafite inshingano yo gushaka uko bita ku bana babo, Urugero: Kwitabaza ibigo byita ku bana bato, cyangwa kuja ibihe mu kwita ku bana .
- Itsinda rikorera hamwe hagendewe ku mihigo yemejwe n'umukuru w'umurenge cyangwa uhagarariye gahunda ya VUP.
- Itsinda rishyira hamwe kugira ngo ryese imihigo yayo.


Mu gihe ugiye mu bikorwa rusange, abana bawe bato ntibagomba gusigara mu rugo bonyine. Niba ufite ikibazo kubirebana n'ibikorwa rusange, gusa Ubuyobozi bukwegereye, Abafashamyumvire, n'Abajyanama b'ubuzima bakwegereye.



unicef



IBIKORWA RUSANGE BYAGUTSE KANDI BINOGEYE IMIRYANGO IFITE ABANA BATO




Vision 2020 Umurenge Programme (VUP) ni gahunda y'igihugu igamije gufasha imiryango ikennye kurusha iyindi mu Rwanda. Kwitabwaho biri mu buryo butatu:

- Inkunga (Direct support) – VUP igenera amafaranga abakennye cyane kurusha abandi kandi badashoboye gukora.
- Serivisi z'amafaranga – VUP itanga inyigisho zerekeye inguzanyo ku bantu, amatsinda cyangwa koperative; bose bitabwaho binyuze mubikorwa rusange.
- Ibikorwa rusange – VUP iha imirimo abakene cyane kurusha abandi ariko bashoboye gukora.

Inkunga y'ingoboka, n'amafaranga wahembwe biturutse mu mirimo rusange, byose bigenewe gufasha imibereho myiza y'abana bo mu muryango wawe. Urugero: Kugura ibiribwa bigize indyo yuzuye, gushyira abana mu ishuri no kugana ibigo nderabuzima mu gihe umuryango wawe urwaye ndetse no gufata inkingo.

Ni ingenzi cyane ko utangira kugaburira umwana wawe indyo yuzuye kuva yujuje amezi 6. Indyo yuzuye bivugwa kurya amafunguro ari mu byiciro bitatu by'ibiribwa: **Ibitera imbaraga, Ibyubaka umubiri, Ibirinda indwara.**



Ibikorwa rusange byagutse kandi binogeye imiryango ifite abana bato.

Mu myaka itatu ibanza y'ubuzima bw'abana, ubwonko bukura byihuse, ababyeyi bafite inshingano ikomeye yo kubitaho: babonsa, babategurira indyo yuzuye, bakoresha inzitiramibu, bagana abajyanama b'ubuzima mugihe abana barwaye, baganiriza abana ndetse no kugira isuku mu nzu. Ababyeyi bashobora gufasha abana gukomera, kugira ubuzima bwiza no kuba abanyabwenge. Twabigereranya no kuhira urubuto, rukazavamo igiti kinini kizatanga umusaruro mwinshi.

Niyo mpamvu VUP igena ibikorwa rusange binogeye imiryango ifite abana bato.

Mu ikubitiro, amahirwe ahabwa imiryango ifite abana bari muni y'imyaka itanu, n'abandi bafite abo kwitabwaho by'umwihariko (urugero: Umuryango ufite ubana n'ubumuga).



"Amasaha akunogeye yo gukora ibikorwa rusange byegerereye aho utuye".